Rapport

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI

**Kigali,** kuwa 09/07/1998

**N°**

Bwana Muyobozi wa Siporo
muri MIJESCAFOP
KIGALI

Impamvu:
Gusubiza ibaruwa

Bwana Muyobozi,

Ibaruwa yanyu yo kuwa 29/06/1998 isaba ibisobanuro byerekeranye n'imikorere ya « Service » nshinzwe narayibonye.

Mu byukuri, nta kintu na kimwe cyagombye kutubuza gukora neza. Ariko mu minsi ishize hari ibibazo byavutse bigenda bitambamira imikorere yacu:

- Ibyiswe kudindiza akazi, byatangiranye n'umushinga wa kwigisha abarimu bo mu mashuli abanza. Igice cya mbere cyarangiye neza, ariko igice cya kabiri n'ubu ntikirashirwa mu bikorwa ibyo bikaba bitaraduturutseho. Ibyo byaduteye impugenge ku buryo twakoze inama y'abakozi bo muri Siporo kw'itariki ya 26/05/1998 yo kunenga imikorere y'ubuyobozi bwa Siporo ibaruwa yabagezeho.
- Ku byerekeye umushinga w'imikino Ngororamubiri mu mashuli abanza mwatwijeje ko ibigendana nawo byose tubibaharira mukazabikurikirana. Niba haravutse ibibazo kijyanye n'umushinga wa mbere ibyo na none si twe byaturutseho.
- Kugeza ubu imikoranire yacu na MINEDUC ntifututse neza, twifuzaga ko mwavugana n'ushinzwe Siporo muri MINEDUC kugirango hatazongera kuvuka ibibazo.

Murakoze.

**RURANGIRWA Aaron**

**Umuyobozi w'ishami**
**rya Siporo mu mashuli.**

**Bimenyeshejwe:**
- Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.
- Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP KIGALI.

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P. 1044 KIGALI**

**Kigali,** le 06/07/1998

**N°**

Bwana Muyobozi wa Siporo
muri MIJESCAFOP
KIGALI

Impamvu:
Gusubiza ibaruwa

Bwana Muyobozi,

Nkurikije ibaruwa yanyu yo kuwa 29/06/1998 isaba ibisobanuro bigendana n'akazi kadakorwa neza.

Mu byukuri, Bwana Muyobozi, muri rusange, nta kibazo gihari kimbuza gukora akazi nshinzwe, ariko kuby'umwihariko hagiye haboneka ibibazo bimwe na bimwe bitanturutseho:

- Ibyo kuvuga ko tudindiza akazi, byatewe n'uko hari umushinga wo kwigisha abarimu, washyizwe mubikorwa, hakaba hari ibindi bijyanye nawo byari biteganyijwe kugeza ubu bikaba bitarakorwa, ibyo bigatuma tutongera gusaba inkunga.
- Twakoze inama yerekeranye no kunenga imikorere yo mu Buyobozi bwa Siporo, tubereka impungenge dufite zerekana imikoranire yacu na UNICEF, niba haravutse ikibazo, turasanga bitaratewe natwe, kuko icyo kibazo twari twarakivuzeho mbere.
- Kubyerekeye umushinga w'imikino Ngororamubili mu mashuri abanza mwatwijeje ko ibigendana nawo byose tubibaharira mukazabikurikirana.
- Kugeza ubu i mikoranire yacu na MINEDUC ntifututse, kubera iyo mpamvu, twifuzaga ko Umuyobozi wa Siporo yavugana n'ushinzwe Siporo muri MINEDUC kugirango ibibazo nk'ibyo bitazongera kuvuka.
- N'aho ibyo kujya mu Mujyi, sinagendaga ku mpamvu zanjye bwite, kuko nari nagiye kuri imprimerie « Select graph » kurangiza i kibazo cya chèque yabo yari imaze igihe kitarigito.

Murakoze.

**NKURUNZIZA Benoît**

**Divisiyo ya Siporo mu mashuli**

**Bimenyeshejwe:**
- Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse
- Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP KIGALI